NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

www.statistics.gov.rw
info@statistics.gov.rw
(+250) 788383103
P.O Box: 6139 Kigali – Rwanda

# ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

*Kigali, kuwa 23,Mutarama 2026*

## *Ubushakashatsi bw'gihembwe cya kane cya 2025 ku bakora n'abashomeri mu Rwanda bwagiye hanze*

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) cyashyize hanze ibyavuye mu bushakashatsi bw'igihembwe cya kane cya 2025 ku bakora n'abashomeri mu Rwanda (Rwanda Labour Force Survey –Quarter4, 2025) Ubushakashatsi ku bakora n'abashomeri mu Rwanda ni ubushakashatsi butanga amakuru ku birebana n'abafite akazi, abashomeri, ndetse no ku bindi bipimo bijyanye n'isoko ry'umurimo mu Rwanda. Bwibanda ku baturage bafite imyaka 16 kuzamura (abafite imyaka yo Gukora) , bakaba bagabanyijemo ibyiciro bibiri .

Icyiciro cya mbere ni abantu bafite akazi n'abashomeri. Abafite akazi ni abakora akazi kabinjiriza amafaranga, naho abashomeri ni abadafite akazi ariko bari mu rugendo rwo kugashaka kandi biteguye gukora kabonetse.

Icyiciro cya kabiri ni abadafite akazi kandi batari no mu bushomeri "out of labour force", nk'abari mubuhinzi bw'amaramuko , abanyeshuri gusa, abasheshe akanguhe, abafite ubumuga, n'abacitse intege mu gushaka akazi.

Muri iki gihembwe ubushomeri bwaragabanutse buva kuri 14.7% mu gihembwe cya kane 2024 bugera kuri 11.7% mu gihembwe cya kane2025. Abaturage bafite imyaka 16 kuzamura bagera kuri 8,632,032. Muri bo 5,536,997 bari ku isoko ry'umurimo (labour force) naho 3,095,035 bari hanze y'isoko ry'umurimo. Muri abo bari ku isoko ry'umurimo 56,7% ( 4,890,198) bafite akazi naho 11,7% ( 646,799) ni abashomeri.

Urwego rw'imirimo ya serivisi rukomeje kuza imbere mu gutanga akazi mu Rwanda ku gipimo cya 44.9%, mugihe urwego rw'ubuhinzi rutanga akazi ku gipimo cya 39,6%, naho urwego rw'inganda rugatanga akazi ku gipimo cya 15.5%. Mu bashomeri, abari mu buhinzi bw'amaramuko bangana na 57.9% mu gihe abandi bashomeri bangana na 42.1%.

Mu gukomeza gukora ubushakashatsi nk'ubu, Ikigo cy'Igihugu cy' Ibarurishamibare (NISR) kizakomeza gutanga imibare yizewe ifasha mu gufata ibyemezo bishingiye ku makuru yizewe.

Ku bindi bisobanuro kuri iyi raporo, mwasura urubuga rwa NISR: **www.statistics.gov.rw**, aho mushobora gusanga n'izindi raporo z'ubundi bushakashatsi butandukanye.

For [signature]

**MURENZI Ivan**
Umuyobozi Mukuru

MWIZERWA Jean Claude
Deputy Director General

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS
REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

www.statistics.gov.rw
info@statistics.gov.rw
(+250) 788383103
P.O Box: 6139 Kigali – Rwanda

